**Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°07/2020:** **Taliki: Nyakanga 2020**

**Cyasohotse kuwa 04 Kanama 2020**

## Inshamake:

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari kimeze mu kwezi kwa Nyakanga2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Kanama 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere mu kwezi kwa Nyakanga 2020 ndetse n'izishobora kuba mu kwezi kwa Kanama2020.

- Muri uku kwezi kwa Nyakanga2020; haguye imvura nke cyane mubice byose by'igihugu uretse ku bupimiro bwa Busogo na Gicumbi, mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe imvura iruta gake isanzwe ihangwa muri uku kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi. Mu kwezi kwa Kanama 2020; hateganyijwe imvura nke cyane mu turere twose tugize igihugu, ikigero cy'imvura izaboneka kiri hagati ya milimetero 0 na milimetero 50.
- Muri Nyakanga 2020 imvura yaguye yari nke yatumye umusaruro w'ibihingwa n'uw'ubwatsi bw'amatungo ugabanuka. Hateganyijwe ko imvura izakomeza kuba nke mu kwezi kwa Kanama 2020, ibi bizatuma ubuhehere bw'ubutaka, amazi ndetse n'ubwatsi bw'amatungo bigabanuka.

## Iriburiro

Mu Ntara y'Amajyaruguru haguye imvura iri mu kigero cy'imvura isanzwe ihagwa ahandi hasigaye haguye imvura nke cyane ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi kwa Nyakanga.

## I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Nyakanga 2020 mu buryo burambuye


Muri uku kwezi kwa Nyakanga 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 0 na milimetero 30.3. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Busogo ingana na milimetero 30.3. MuNtara y'Amajyaruguru niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu.

Mu Mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 5.4 na milimetero 0.4 ku bupimiro bwa Gitega. Mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 3 no ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 3.5. Mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe imvura mu buryo bukurikira: Gicumbi 13.8mm, Busogo 30.3mm na Musanze (15.2mm. Mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwa Rusizi 1mm, Rubavu 13.2mm, Rubengera 1mm naho ku bupimiro bwa Bugarama nta mvura yahabonetse.. Mu Ntara

y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 2.5, imvura ingana na milimetero 1.5 yapimwe ku bupimiro bwa Ngoma naho ku bupimiro bwa Kawangire nta mvura yahabonetse.

**Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)**

| Ubupimiro | Nyakanga 2020 | Nyakanga |
|---|---|---|
| Kigali | 5.4 | 12.1 |
| Gitega | 0.38 | 2 |
| Nyamagabe | 3 | 11.1 |
| Byimana | 9.8 | 12.4 |
| Gicumbi | 13.8 | 9 |
| Busogo | 30.3 | 29.6 |
| Musanze | 15.2 | 17.2 |
| Rusizi | 1 | 10.6 |
| Rubavu | 13.2 | 22.9 |
| Bugarama | 0 | 10.2 |
| Rubengera | 1 | 11.5 |
| Ngoma | 1.5 | 5.4 |
| Kawangire | 0 | 9.8 |
| Nyagatare | 2.5 | 3.2 |




***Imbonerahamwe ya 1 n'Ishusho 1;biragaragaza ikigereranyo cy'imvura yaguye muri Nyakanga 2020 n'isanzwe igwa mu myaka myinshi***

Ikarita zikurikira hasi **(1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Nyakanga 2020 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi.





***Ikarita1: Imvura yaguye (mm) muri Nyakanga 2020***





***Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa (mm) muri Nyakanga***

## II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya 20.3$^{0}$C ku bupimiro bwa Busogo mu Ntara y'Amajyaruguru na 30.3$^{0}$C ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 11.4$^{0}$C Busogo na 17.3$^{0}$C Bugarama. Igice cy'Amajyaruguru ndetse n'icy'Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba icy' Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).




*Ikarita 3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru*





*Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi*

## III. Ubuhehere bw'ubutaka

Biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwagabanutse cyane mu kwezi kwa Nyakanga biturutse ku mucyo waranze iminsi myinshi y'uku kwezi kwa Nyakanga 2020. Ubuhehere bw'ubutaka bukazakomeza kugabanuka cyane kubera ibihe by'izuba no kugabanuka kw'ibicu mu kirere bizakomeza kuranga ukwezi kwa Kanama 2020.

## IV. Iteganyagihe ryo kuva ku itariki ya 1 kugera 31 Kanama, 2020




*Ikarita 5 :Ingano yimvura iteganyijwe muri Kanama 2020*

Mu kwezi kwa Kanama 2020 mu Rwanda hateganyijwe kurangwa n'imvura iri hagati ya milimetero 0 na milimetero 50mm. Mu turere twa Rubavu, Musanze n'ibice bihana imbibi by'uturere twa Rutsiro, Burera na Nyabihu ndetse no mu ishyamba rya Nyungwe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 50. Mu bice bisigaye byegereye ishyamba rya Nyungwe no mu bice bya ruguru by'Intara y'Amajyaruguru.

n'Iburasirazuba hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 30. Mu majyepfo y'Intara y'Iburasirazuba ndetse no mu gice cy'Amayaga hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero 5 mu gihe ahasigaye hose hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 5 na 20. Imvura iteganyijwe izagwa mu bice byose by'ukwezi kwa Kanama mu ntara y'Iburengerazuba ahegereye ikiyaga cya Kivu ndetse no mu ishyamba rya Nyungwe ikazaterwa n'imiterere yaho, naho mu bice by'amajyaruguru, imvura iteganyijwe mu gice cya gatatu cya Kanama ikazaterwa n'isangano ry'imiyaga riherereye mu gice cya ruguru cy'Isi rizaba ryatangiye kumanuka risatira akarere u Rwanda ruherereyemo

## V. INGARUKA

Imvura yaguye muri Nyakanga 2020, yari nke cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri uko kwezi, Ibi bikaba byatuma umusaruro uturuka ku bihingwa no ku matungo ugabanuka.

**Ibiteganyijwe muri Kanama 2020**

Tugendeye ko tukiri mu gihe cy'iki, muri Kanama hateganyijwe imvura nke cyane bikazatuma umusaruro w'ibikomoka ku bihingwa no ku matungo ugabanuka ndetse n'igabanuka ry'amazi cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba, umujyi wa Kigali no mu Ntara y'Amajyepfo cyane cyane mu gice cy'Amayaga.

***N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri nyuma y'amasaha atandatu, irisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) iry'iminsi irindwi (7) ndetse n'iry'iminsi icumi ritangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).***

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :bulletin@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda